**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**
**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE**


B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 6, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI, IGICE CYA GATATU GASHYANTARE (21-29) 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 03 Werurwe, 2020**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya gatatu, Gashyantare 2020 kuva tariki ya 21 kugeza tariki ya 29, ahenshi mu gihugu habonetse imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi, uretse ku bupimiro bwa Busogo, Musanze, Byimana na Kawangire haguye imvura nke ugereranyije nisanzwe ihagwa. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Rusizi ingana na milimetero 71.1 ndetse no ku bupimiro bwa Bugarama hapimwe milimetero 70.6. Ahapimwe imvura nke ni ku bupimiro bwa Musanze ingana na milimetero 3.3, Uburengerazuba bw'amajyepfo, Intara y'Amajyepfo, Uburasirazuba n'Umujyi wa Kigali niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi ntara.
Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane. ugereranyije n'iminsi ishize; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus 22.0(°C) i Gicumbi na 30.9(°C ) mu Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya dogere Selisiyusi 11.2°C ku bupimiro bwa Busogo na 19.2 ku bupimiro bwa Bugarama..





**Ishusho 1**: Imvura yaguye ugereranyije n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Gashyantare 2020.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ishusho ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya gatatu cya Gashyantare 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi cyari hagati ya milimetero 71.1 na milimetero 3.3. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Rusizi ho mu ntara y'Uburengerazuba (71.1mm). Ahaguye imvura nke ni ku bupimiro bwa Musanze hapimwe milimetero 3.3.





*Ikarita1: Ingano y'Imvura muri mm*

### 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Gashyantare

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ishusho ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Gashyantare.


Ubusanzwe iki igice cya Gashyantare kigusha imvura iri hagati ya milimetero 32 na 6.1; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yaguye yari nyinshi muri iki gice cya Gashyantare 2020 ahenshi mu gihugu, uretse ku bupimiro bwa Busogo, Musanze, Byimana na Kawangire habonetse invura nke ugereranyije n'isanzwe ihagwa muri iki gice cya gatatu..




*Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya gatatu cy'ukwezi kwa Gashyantare*


### 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya gatatu mu kwezi kwa Gashyantare 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni umunsi ugira byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'umunsi umwe n'iminsi irindwi (1-7) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye hagati y'iminsi 3 n'iminsi 6. Iminsi mike yabaye 1 ku bupimiro bwa Musanze, iminsi myinshi yabaye 7 ku bupimiro bwa Rubavu.




***Ikarita 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo***

### 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




***Ikarita 4: Ubuhehere bw'ubutaka***

Ikarita ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya gatatu cya Gashyantare 2020 bwiyongereye cyane mu ntara y'Uburengerazuba bw'amajyepfo, Amajyepfo ndetse no mu ntara y'Uburasirazuba, bitewe n'ibihe by'imvura byaranze iyi minsi.


Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kwiyongera mu gice cya mbere cya Werurwe bitewe n'uko imvura iziyongera ugereranyije niyaguye mu gice cya gatatu.

### 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ikarita ya 5 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe; mu Majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 22.0 na 27 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe dogere selisiyusi 27.4. no ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane kuko hapimwe dogere selisiyusi 30.9.




***Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru***

### 2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya 6 irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 11.2 (Busogo) na Dogere Selisiyusi 19.2 (Bugarama). Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ibindi bice by'igihugu.




***Ikarita ya 6: Ubushyuhe bwo hasi***

**3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Werurwe (tariki 01-10) 2020**

**3.1 Ikirere giteganyijwe**

Ugereranyije n'igice cya gatatu cya gashyantare, hateganyijwe ko imvura iziyongera mu gice cya mbere cya Werurwe. Imvura iteganyijwe izaba iri hagati ya milimetero 70 na 100 mu gihugu hose.

**3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi**

Dushingiye ku bipimo bigaragaza kwiyongera kw'imvura mu gice cya mbere cya Werurwe 2020 (tariki 01-10), abahinzi barashishikarizwa gukomeza gutera imbuto abashyizwe ubuhinzi babahitiyemo ndetse bakanegera abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) kugirango babagire inama mu bijyanye no gukomeza neza imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.